

Ibigenga NCM

Adopted January 19, 2013 by NCM General Assembly

Izina: [New Creation Ministries](#)

Tugambirira [guhindura](#) abantu, n'ingo zabo, n'amatorero yabo, na society yabo ngo bibe bishya muri Yesu Kristo.

Umugambi: [Gufasha amatorero yo mu Rwanda gukora nk'Umubiri wa Kristo](#)

Umugambi w'Imana ni uko itorererwa ribera abari mu isi Yesu Kristo mu buryo bufatika; natwe tugambirira gufasha amatorero kugera kuri icyo mikorere myiza irikwiriye.

Ingingo 10 zitugenga:

- 1. Turashoboza – dushoboza abanyamuhati bazabasha gushoboza abandi.**

NCM ishaka abafite ishyamba ry'ibya Yesu, n'umurava mu mikorere yabo, n'umutima wo kwigishwa, n'impano bahawe n'Imana, kugira ngo ibashoboze kugeza ubugingo bushya bwa Yesu ku bantu benshi (2 Timoteyo 2:2).
- 2. Turahugura – duhugurira guhindura imitima, ingeso n'imikorere atari ubumenyi gusa.**

NCM itanga inyigisho zigeza abantu kuri Yesu Kristo, inyigisho zisesengura zitanyura hejuru y'ibibazo biriho, inyigisho zibyara imitima mishya n'imitekerereze mishya n'imikorere mishya, inyigisho zubaka ubushobozi bwo gutekereza neza, guhitamo ibikwiriye, no gukemura ibibazo.
- 3. Turatoza – dutoza abo twigisha ibyo tubigisha tukanabakurikirana.**

NCM ijya yubaka ikiraro hagati y'ubumenyi bwo mu ishuri n'imikoreshereze yabwo mu mibereho, ikanabakurikiranira aho.
- 4. Turwana ishyamba – dufite ishyamba ry'urukundo rwa Yesu**

NCM igizwe n'abantu bahatwa n'urukundo rwa Kristo, bagashaka gutera iryo shyamba mu bo bahugura bose, bakarwanya imyumvire ishakira mu gukorera Imana icyubahiro n'ubutunzi n'inyungu zindi za kimuntu.
- 5. Turasenya – turwana intambara zo gusenya ibihome**

NCM irwanya impaka n'imyumvire yose yishyiriye hejuru kurwanya kumenya Imana by'ukuri kugira ngo ibitekerezwa byose bigomorererwe Kristo.
- 6. Turayoborwa – tuyoborwa n'Imana ntitujarajare mu byadukurura byose**

NCM ifate icyerekezo cyayo ku Ijambo ry'Imana n'ubuyobozi bw'Umwuka Wera bifatanyije n'isuzuma ry'ibikenewe n'amatorero kugira ngo akore nk'Umubiri wa Kristo.
- 7. Turahamya – duhamya Yesu Kristo nk'ubasha wenyine kugira abantu abana b'Imana**

NCM ihamya Yesu mu byo ikora byose, kuko ufite Yesu aba afite ubugingo, kandi byamarira umuntu iki natunga isi yose akabura ubugingo bwe?
- 8. Turunganirana – buri wese yunganira mugenzi we**

NCM igizwe n'abantu bakoreshereza impano zabo gutezanya imbere bazi ko bazarushaho gushyitsa iby'Imana ishaka turetse kwizirikana gusa, igatera uyu mutima mu bahuguwe nayo bose.
- 9. Turatyazanya – dukingurirana ubugingo bwacu**

NCM ni ubufatanye bw'abantu banyuranye bareshya muni y'umusaraba wa Kristo, buri wese akemererwa gukora kuri mugenzi we ngo amutyaze. Kuko gukuzanya umuntu muri Kristo kutazanya n'amasomo gusa, ahubwo gushobokera n'ubugingo bukora ku bundi.
- 10. Turasingira – duhora twihata ngo dutere imbere**

NCM ntinyurwa n'urugero igezeho, ahubwo ihora yisuzuma kugira ngo ibone uko yarushaho gukora neza ibyo Imana yayihamagiriye.

NCM's Guiding Values

Kinyarwanda version presented January 19, 2013, to NCM General Assembly

Name: [New Creation Ministries](#)

We purpose to change people, their homes, their churches, and their society so that these might be new in Jesus Christ.

Mission: [Help churches in Rwanda to function as the Body of Christ](#)

The will of God is that the church be to the world Jesus Christ in a tangible way. We too purpose to help churches reach that nature of working that is appropriate to it.

Ten Guiding Principles of NCM

1. **We empower: we empower capable people who will be able to empower others**

NCM wants those who have zeal like that of Jesus, and faithfulness in their manner of working, and a teaching heart, and gifts they have been given by God so that it can empower them to take new life in Jesus to many others (2 Timothy 2:2).

2. **We train: we train for the purpose of changing hearts, habits, and lifestyle, not just knowledge**

NCM provides teachings to cause people to reach Jesus Christ, teachings that go deep and don't glide over contemporary problems, teachings that give birth to new hearts and new way of thinking and new way of acting, teachings that build capacity to think well, choose what is appropriate, and solve problems.

3. **We coach: we coach those we teach and we follow up with them**

NCM builds bridges between knowledge in school and the use of that knowledge in life, and follows up with them there.

4. **We fight with zeal: we have the zeal of the love of Christ**

NCM is made of people who are compelled by the love of Christ, who want to bring that zeal to those they train, who fight with the worldview of seeking in the service of God personal glory, wealth, or other benefit.

5. **We destroy: we fight battles to destroy strongholds**

NCM fights all arguments and worldviews that place themselves above the true knowledge of God so that all thoughts are made captive to Christ.

6. **We are led: we are led by God and don't wander off into everything that pulls us**

NCM should take its direction from the Word of God and the direction of the Holy Spirit together with study of what is needed by the churches so that they work as the Body of Christ.

7. **We testify: we testify to Jesus Christ as the only one who is able to make people children of God**

NCM testifies to Jesus in all that it does because whoever has Jesus has eternal life, and what should it profit a person if he has the whole world but loses his life?

8. **We complement each other: each one complements the other**

NCM is made of people who use their gifts to propel others ahead, knowing that they will be able even more to fulfill what God wants if they do not just contemplate themselves, and NCM plants this heart in all that it trains.

9. **We sharpen each other: we open to each other our lives**

NCM is a partnership of diverse people who are equal under the cross of Christ, each one willing to work on his neighbor to sharpen him. Because causing someone to grow in Christ is not brought by school lessons alone, rather it is possible by one life working on another.

10. **We press on: we also work to press ahead**

NCM is not satisfied with the place it has reached, rather it constantly evaluates itself so that it can even more do well what the Lord has called it to do.